

Uko wahangana n'ihinduka riba mu mubiri wawe

Nk'uko wumva umeze iyo uri mu cyuma cyumvisha abantu umunyenga kibazamuna kikanabamunura, ni na ko igihe cy'amabyiruka gishimisha ubundi kigahangayikisha. Ni iki cyagufasha? Soma ibyo abandi bavuze maze usubize ibibazo bikurikira.

1

Igihe wari umaze kuba ingimbi cyangwa umwangavu wumvise umeze ute?

BYARAGUSHIMISHIJE, BYAGUTEYE UBWOBA cyangwa IBYO BYOMBI BYAKUBAYEHO?

Ni iki cyaguteye ubwoba kurusha ibindi?

"Kuba umwangavu si ibintu byoroshye. . . . Uba wumva utazi ibyo ari byo; mbese ibintu byose wumva ari bibi."—Oksana.

2

Igihe watangiraga kuba umwangavu cyangwa ingimbi, hari igihe wumvaga ubabaye ubundi ukumva urishimye? Niba byarakubayeho se wumvaga umeze ute?

Ni iki wakora kugira ngo utegeke ibyiyumvo byawe?

"Hari igihe nabaga nishimye mu kanya gato nkaba ndababaye. Sinzi niba n'abandi bibaho ariko jye byambayeho."—Brian.

3

Ni iki cyahindutse igihe wabaga ingimbi cyangwa umwangavu?

Wasobanura ute iryo hinduka ryakubayeho?

"Maze gukura, nagendaga nubitse umutwe kandi nkambara amashati manini. Nubwo nari ko nzi ko umubiri wanjye uri guhinduka, numvaga ntatuje kandi binteye isoni. Numvaga bidasanze."—Janice.

4

Kuba ingimbi cyangwa umwangavu byahinduye bite uko wabonaga abantu mudahuye igitsina?

Bibiliya iravuga ngo "muhunge ubusambanyi" (1 Abakorinto 6:18). Kuki iryo tegeko rihuje n'ubwenge, kandi se wakora iki kugira ngo ukomere ku cyemezo wafashe cyo kurikurikiza?

"Kera numvaga ko abahungu bose batesha umutwe, ariko noneho natangiye kubona ko bamwe muri bo ari beza. Ndetse numva ko ngize uwo nkunda nta cyo byaba bitwaye. Inkuru z'abantu bakundana ni zo zatangiye kunshishikaza."—Alexis.

5

Kuki kubwira umubyeyi (cyangwa undi muntu mukuru wi-
zeye) ibikubaho mu gihe cy'amabyiruka ari byiza nubwo
wumva biteye isoni?—**Soma mu Migani 17:17.**

Ni uwuhe muntu mukuru wumva wisanzuyeho ku buryo
wamubwira ibikuri ku mutima?

"Sinakundaga kubwira abantu
uko niyumva. Iyo nza kuba
narabwiraga ababyeyi banjye
ibyari ku mutima byose, iyo
myaka iba yaranshimishije
kurushaho."—Jeremy.

6

Ababyeyi bawe bagufashije bate guhangana n'ihinduka riba
mu mubiri wawe?

Ni iki kindi wifuza ko ababyeyi bawe bagukorera?

"Maze kuba umwangavu numvaga
ntazi uko meze kandi byari kurushaho
kuba bibi iyo ababyeyi banjye
batamfasha. Mama yambwiraga ko
yiteguye kumfasha igihe cyose muke-
neye kandi ko igihe cyose nshatse ku-
gira icyo mubaza, nakimubaza nta ki-
bazo."—Karina.

“Niba ugeze mu gihe cy’amabyiruka, ushobora kuba wumva bitakoroheye. Humura, igihe cy’amabyiruka kimara igihe gito. Ni igihe unyuramo kikagena uwo uzaba we umaze gukura.”—David.



7

Ni iyihe nama wagira umuntu ugeze mu gihe cy’amabyiruka?



Baza ababyeyi bawe

Wabyemera utabyemera, ababyeyi bawe na bo bigeze kugira ihinduka nk’iryo uhanganye na ryo muri iki gihe. Ni ibihe bibazo bibiri wifuza kubabaza ku birebana n’uko bitwaye muri icyo gihe? Andika hasi aha ibyo bibazo. Kata uru rupapuro, hanyuma urwereke ababyeyi bawe.

1

2

